2-7/4/98
8hoo'

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE, DE LA CULTURE, DES SPORTS ET DE LA FORMATION PROFESSIONNELLE
DIRECTION DE LA CULTURE ET DES ARTS
B.P. 1044 KIGALI
TEL : 8 35 27
FAX : 8 35 18.

Très important

## FICHE DE TRANSMISSION :

P.C / Intore Jean S.-S.
D.A

DESTINATAIRE

EXPEDITEUR

| | |
|---|---|
| Tel que demandé | Pour votre approbation |
| Faire le nécessaire | Pour votre information |
| Signer et me retourner | Noter et me voir |
| Préparer une réponse | Noter et classer |
| Pour suite à donner | Suite à votre demande |
| Pour votre signature | Confidentiel |

au verso →

Commentaires/Observations/Message

1/ P.S. Saba { ORTPN / na Minisiteri ishinzwe tourisme
iriya nyandiko idufashe gukora
ibyacu TOURISME CULTUREL", murerabyo
2/ Usubuye kubutsa nkomeje gutegura "Rapport" 96
mapora du 1/10/98 + 16/11/98
↳ Ne comptez plus du tout sur le cinéma ... au verso →

Signature

Date

uu misi mike dossier Lepod
irabo gatuwaye abantu bose, ce n'est
pas la veille qu'il faudra y penser.
Vous avez l'attribution c.à.d le
devoir d'état, et vous avez le
Budget. Une fois de plus, ne
plus épargner rien à effet! C'est fini..
le gaspillage. Tous les élé-ts, directs et
indirects du dossier, tous les termes de
référence utile doivent figurer dans le
détail de ces documents de travail à terminer
mi-mai. A
3/ ubundi ndabutsa Birutoki J. kuzana un
précieux fonds de documentation ibiza i
Kacyiru. DCA collaborateur

Kigali, 10 MARS 1998
N° 134 /06.01/CAB

26/3/98
Copie Dir Dep Turkaset (Aus)

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUBANYI N'AMAHANGA
N'UBUTWERERANE
B.P. 179 KIGALI
*Cabinet du Ministre*

A traiter par
Date entrée : 12/03/98
N° Classement : 5927/91

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
y'u Rwanda
KIGALI

**IMPAMVU:**
Imyanzuro y'inama y'abahagarariye
u Rwanda mu mahanga

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

Nejejwe no kubagezaho ku mugereka w'uru rwandiko imyanzuro mu ncamake yavuye mu nama y'abahagarariye u Rwanda mu mahanga yabereye muri Hôtel UMUBANO kuva kuwa 23 Gashyantare kugeza kuri 03 Werurwe 1998.

Raporo ikubiyemo imirimo yose y'iyo nama iriho itegurwa ubu (Publication des Actes), izabageraho na yo, mu gihe gikwiye.

Ku birebana n'ibikubiye muri iyi myanzuro tubashyikirije, twabasabaga Nyakubahwa Perezida, hamwe n'abo tugeneye copy bose, kudufasha kugira ngo ibiyikubiyemo bishyirwe mu bikorwa.

Tubaye tubashimiye Nyakubahwa Perezida wa Repubulika kandi mugire amahoro.

**Dr. Anastase GASANA**
Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga
n'Ubutwererane

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DES AFFAIRES ETRANGERES ET DE LA COOPERATION

**Bimenyeshejwe:**
* Nyakubahwa Visi-Perezida wa Repubulika akaba na Minisitiri w'Ingabo
* Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko
* Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
* Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga
* Nyakubahwa Minisitiri na Sekereteri wa Leta (BOSE)
  KIGALI
* Bwana Ambasaderi w'u Rwanda mu mahanga (BOSE)

**Raporo ku nama y'Abahagarariye u Rwanda mu mahanga yabereye i Kigali kuva kuwa 23 Gashyantare kugeza kuwa 03 Werurwe 1998.**

## I. INTANGIRIRO

- Kuva kuwa 23 Gashyantare kugera kuwa 03 Werurwe 1998, Abahagarariye u Rwanda mu mahanga bahuriye i KIGALI mu nama yari yatumijwe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika.
- Iyo nama ikaba yari ibaye nyuma y'imyaka itatu Leta y'Ubumwe ibohereje kuyiserukira mu mahanga.
- Byabaye ngombwa ko abo badipolomate bajya hamwe kugira ngo:
  - bungurane inama ku mitunganirize y'imirimo bashinzwe, bananoze imikoranire yabo na Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane.
  - Begere inzego z'ubuyobozi bw'igihugu, kugira ngo barusheho gusobanukirwa ku miterere y'ibibazo igihugu cyagiye gihura na byo no ku ngamba zafashwe mu kubikemura.
- Ni yo mpamvu, mu bari bagize iyo nama, byari ngombwa ko abakozi b'inzego zo hejuru muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane nabo bitabira iyo nama.

## II. UKO IYI NAMA YARI ITEYE

Iyi nama yari ikubiyemo ibice bine:

- Inzego za Leta n'uko zikorana
- Ibiganiro byatanzwe n'izindi Minisiteri
- Imikorere ya MINAFFET
- Ugusura ibikorwa bigamije umutekano, amajyambere n'Imibereho myiza y'abaturage.

## III. IBIGANIRO BYATANZWE NI IBI BIKURIKIRA

### A. INZEGO ZA LETA N'UKO ZIKORANA

1. Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko:

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko yatanze ikiganiro cyerekeye:
Uburyo amategeko y'u Rwanda ajyaho
Uburyo Inteko Ishinga Amategeko, imenya kandi ikagenzura imikorere ya Leta.
Muri icyo kiganiro Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko yunganiwe na Perezida wa Komisiyo Ishinzwe ibyerekeye Ubukungu na Perezida wa Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane.

2. Minisitiri w'Intebe

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe yatanze ikiganiro cyerekeye: « Amahame y'ihuzabikorwa bya Politiki ya Guverinoma n'uko ashyirwa mu bikorwa ».

3. Minisitiri w'Ubutabera

Minisitiri w'Ubutabera yatanze ikiganiro cyerekeye:
« Ubutabera mu Rwanda n'Iburanishwa ry'Imanza z'itsembabwoko n'itsembatsemba n'ibindi byaha byibasiye Inyoko Muntu ». Muri icyo kiganiro yunganiwe na Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Prokireri Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga.

### B. IBIGANIRO BYATANZWE N'IZINDI MINISITERI

Minisiteri zinyuranye zatanze ibiganiro mu nama y'abadipolomate
Ibiganiro byatanzwe n'ibi bikurikira:

1. Umutekano

Ikiganiro cyerekeye « Umutekano » cyatanzwe n'Umugaba w'Ingabo
Muri icyo kiganiro, Umugaba w'Ingabo yunganiwe n'Umunyamabanga Mukuru wa Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Amajyambere ya Komini no Gutuza Abantu hamwe n'Umunyamabanga Mukuru wa Minisiteri y'Ubutabera.

2. Ikiganiro kirebana n'Ubukungu bw'Igihugu

Iki kiganiro cyatanzwe na Nyakubahwa Minisitiri w'Imali n'Igenamigambi.
Muri icyo kiganiro, Minisitiri yafashijwe na Nyakubahwa Minisitiri w'Ubuhinzi, Ubworozi, Ibidukikije n'Amajyambere y'Icyaro; yafashijwe kandi n'Umunyamabanga Mukuru wa Minisiteri y'Ubukorikori, Ubucukuzi bw'Amabuye y'agaciro n'Ubukerarugendo hamwe n'Umunyamabanga Mukuru wa Minisiteri y'Ubucuruzi, Inganda n'Amakoperative.

3. Ubuyobozi bw'igihugu

Ikiganiro kirebana n'Ivugurura rya « Administration » y'u Rwanda n'imiyoborere myiza.

Icyo kiganiro cyatanzwe na Nyakubahwa Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo.

4. Itahuka ry'impunzi

Ikiganiro kirebana n'itahuka ry'impunzi n'isubizwa ryazo mu buzima busanzwe. Icyo kiganiro cyatanzwe na Nyakubahwa Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika.

5. Imibereho myiza y'abaturage

Ikiganiro kirebana n'imibereho myiza y'abaturage.
Icyo kiganiro cyatanzwe na Nyakubahwa Minisitiri w'Umuryango, Uburinganire n'Imibereho myiza y'Abaturage.
Muri icyo kiganiro yafashijwe na Nyakubahwa Minisitiri w'Uburezi, Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo no kwigisha Imyuga Iciriritse na Minisitiri w'Ubuzima.

6. Ibindi biganiro

Ibindi biganiro byatanzwe n'Abayobozi bakurikira:

* Umuyobozi ushinzwe Ingengo y'Imari,
* Umuyobozi ushinzwe Isanduku ya Leta (O.T.)
* Umuyobozi ushinzwe Iperereza mu mahanga
* Umuyobozi ushinzwe Abinjira n'Abasohoka.

C. IMIKORERE YA MINAFFET

Hatanzwe ibiganiro n'ibitekerezo ku mikorere ya Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane.
Ibyo biganiro n'ibitekerezo byashyirwa mu byiciro bitatu:

Ibiganiro byatanzwe n'Abayobozi Bakuru ba Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane hamwe n'umwe mu badipolomate:

Nyakubahwa Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane yatanze ikiganiro cyerekeye: « Politiki nshya y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane ».

Madamu Umunyamabanga Mukuru wa MINAFFET yatanze ikiganiro cyerekeye : « Imikoranire y'Inzego za Minisiteri n'Imikoranire ya MINAFFET na za Ambasade. »

Ambasaderi uhagarariye u Rwanda mu Bubiligi yatanze ikiganiro kerekeranye: « N'imirimo y'Umudipolomate mu guserukira igihugu cye, mu bindi bihugu no mu miryango mpuzamahanga ».

Abandi batanze ibiganiro:

* Umujyanama wa Visi-Perezida mu byerekeye dipolomasi yatanze ikiganiro ku byerekeye: « Ingorane ya Dipolomasi muri Guverinoma ihuriweho n'amashyaka menshi »
* Umujyanama wa Visi-Perezida mu byerekeye ubukungu yatanze ikiganiro ku birebana na: « Ibyo dutanga kuri dipolomasi n'inyungu tuyikuramo ».

Ibitekerezo, ibibazo n'ibyifuzo ku mikorere ya MINAFFET no ku mikoranire yayo na za Ambasade, byagejejwe ku nama y'abahagarariye u Rwanda mu mahanga. Ibitekerezo n'ibyifuzo ku mikorere ya Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane no ku mikoranire yayo na za Ambasade, byagejejwe ku nama n'abakozi ba MINAFFET.

D. UGUSURA INTARA MU GIHUGU

Abahagarariye u Rwanda mu mahanga babonye uburyo bwo gusura ibikorwa byo mu gihugu bigamije amajyambere n'imibereho myiza y'abaturage, ubutabera n'umutekano.
Ibikorwa byo mu gihugu, byasuwe n'abo ba Dipolomate n'ibi bikurikira:

* Umudugudu wa Rugobagoba, muri Komini Musambira
* Gereza ya Gitarama n'i Murambi ya Gikongoro, ahabereye amarorerwa y'itsembabwoko;
* Imirima y'icyayi n'Uruganda rwa Mata muri Gikongoro;
* Ingando yo muri Komini Nkumba (Ruhengeri) yahuriwemo n'abahoze ari abasirikare mu za kera (ex-FAR);
* Perefegitura ya Ruhengeri na Gisenyi muri rusange;
* Basuye Perefegitura ya Kibungo n'iy'u Mutara.

E. IBYIFUZO BYATANZWE N'INAMA

1. Ibyifuzo rusange

Ubukungu bw'igihugu

Ba Ambasaderi b'u Rwanda mu mahanga bagomba kwamamaza u Rwanda kandi bagashakisha abashaka gushora imari mu Rwanda. Ba Ambasaderi basabwe kumenyesha ibihugu bakoreramo ko Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho amategeko yorohereza abashaka gsuhora imari mu Rwanda.

Ba Ambasaderi basabwe kugerageza no gusaba ibihugu bakoreramo kugabanyiriza u Rwanda imyenda rubafitiye. Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi yasabwe kugeza kuri za Ambasade z'u Rwanda imiterere (structure) n'uburemere bw'imyenda y'igihugu kugira ngo bizabafahse mu gushakisha umuti w'ikibazo cy'umwenda.

Minisiteri y'Ubukerarugendo yasabwe kuzageza kuri za Ambasade inyandiko ndetse n'ibindi biranga u Rwanda nka za maps/cartes na za video-cassettes ziranga ubwiza bw'u Rwanda kugira ngo ba mukerarugendo (tourists) bashobora gusura u Rwanda.

P.C/ [illegible]

Itahuka ry'impunzi

1. Abari mu nama basabye ko Ambasade z'u Rwanda zikangurira gutaha impunzi zaba zikiri hanze.

2. Hasabwe ko Ambasade z'u Rwanda zarengera Abanyarwanda n'imitungo yabo.

3. Hasabwe ko za Ambasade ziri mu bihugu birimo Abanyarwanda barwanya Leta zafashwa gukemura ikibazo cy'umutekano.

4. Hakwiye gushyirwaho muri MINAFFET urwego rukurikirana ibibazo by'Abanyarwanda bari hanze.

5. Hakwiye gushakwa uburyo bwo gufasha no gutuza Abanyarwanda batahuka.

Ubuyobozi bw'igihugu

1. Abari mu nama basabye guteza imbere imikorere ya kijyambere irimo n'ibyerekeye itumanaho, kugira ngo imirimo irusheho gutungana.

2. Carrière
   Hasabwe ko Leta yashyigikira, mu nzego bwite za Leta, imizamukire mu ntera.

3. Hakwiriye gushimangirwa ihuzabikorwa hagati ya Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo n'izindi nzego za Leta.

Ugusura za Perefegitura

- Abahagarariye u Rwanda basuye za Perefegitura za Gitarama, Gikongoro, Ruhengeri, Gisenyi, Kibungo n'Umutara. Basura izo Perefegitura, basobanuriwe imiterere y'ibibazo bahura na byo mu gutsura amajyambere no gushimangira umutekano; bafata icyemezo ko bazarushaho gukorana na ba Perefe bakajya bageza ku bahagarariye u Rwanda inyandiko zikubiyemo ibyo babona za Ambasade zabafashamo, kimwe n'uko za Ambasade zizakomeza gushakisha inkunga zatera abo bayobozi ba za Perefegitura.

Abakozi ba Leta

- Abari mu nama basabye ko hakwiye kubaho ivugururwa ry'amategeko agenga abakozi ba Leta, ari abo mu gihugu ari n'abo hanze.

2. Ibyifuzo byerekeye MINAFFET

a. Politiki ngenderwaho y'Ubuyobozi n'Amahanga n'Ubutwererane

- Gushyiraho vuba Komisiyo yo kwiga no gushyira ahagaragara politiki u Rwanda rwagenderaho mu mibanire n'Amahanga n'Ubutwererane. Iyo Komisiyo igomba kugirwa n'abantu bo muri Perezidansi, Visi-Perezidansi, Primature na MINAFFET.

b. Statut y'Abakozi ba Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane

- Iyi statut ikwiye kwihutirwa igashyirwamo ingingo zikurikira:
- gusuzuma ubushobozi bw'Abakozi;
- gushyiraho gahunda yo guhugura bakozi ku buryo bwihutirwa;
- guhinduranya abakozi bo mu gihugu n'abo muri za Ambasade, bigakorwa hakurikijwe gahunda igaragara.

c. Abakozi b'Ambasade

- Ambasade zikwiriye guhabwa umubare w'abakozi uhagije kandi babishoboye, bazwiho ubwitonzi, umurava n'ubwitange.
- Aho bishoboka, abakozi badafite urwego rw'Abadipolomate bakaba Abanyarwanda, hakabaho n'amategeko aboneye abagenga.
- Abakozi ba za Ambasade bakwiye gushyirwa mu murongo no mu myanya ikwiriye, ibyakozwe mu igabana ry'amashyaka bigakosorwa.

d. Ishyirwaho rya za Ambasade

- Kongera kwiga ishyirwaho rya za Ambasade ziriho, n'izigomba kuzajyaho hakurikijwe inyungu z'igihugu n'umusaruro twaba tuzitezeho.

e. Kugabana neza imirimo mu nzego zose no guhabwa ubushobozi mu mirimo

- Abakozi ba Minisiteri bagomba guhabwa imirimo ikwiranye n'inshingano zabo n'ubushobozi butuma bafata ibyemezo bijyanye n'urwego barimo.
- Ibi byatuma abakozi ba Minisiteri barushaho kugirana icyizere no kuzuzanya (esprit d'équipe), bityo imikoranire ikarushaho kuba myiza.

f. Ihererekanya ry'amakuru yerekeye imirimo n'ihuzabikorwa

- Inama yasabye ko inyandiko, amakuru na raporo byerekeye imirimo byarushaho gusakara ku babishinzwe ibibazo birikubiyemo.
- Gutegura no kohereza buri munsi inyandiko rusange, ikubiyemo amakuru y'igihugu n'amabwiriza y'abategetsi agenewe abakozi ba Minisiteri n'aba Ambasade. Ambasade na zo zajya zohereza amakuru na raporo. Raporo n'amabaruwa bya Ambasade bikwiye na byo kujya bisubizwa mu gihe gikwiye. I
- MINAFFET igomba guhuza ibikorwa hagati yayo na za Ambasade n'izindi Minisiteri, n'izindi nzego za Leta. Bigomba kurushaho kuzuzanya kugira ngo ibyemezo bifatwa bishyirwe mu bikorwa ku buryo bubangutse.

g. Inama y'abahagarariye u Rwanda mu mahanga

- Abadipolomate basanze inama nk'iyi ibahuza ari ingirakamaro, basaba ko yahoraho nk'uko iteganijwe.

h. Itegurwa ry'ingengo y'imali

- Minisiteri na Ambasade zigomba gufatanya mu gutegura ingengo y'imali. Mu rutonde rw'ibikenewe, Ambasade zikerekana ibikenewe kurusha ibindi (priorités) mbere yuko inyandiko ishyikirizwa MINIFIN.
- Uburemere bw'ubuzima mu bihugu Ambasade zikoreramo bukwiye kwigwa (taux d'adaptation), hagasohoka imibare iboneye.

---------------------------------